UMUKORO WO MU BIRUHUKO

IKINYARWANDA

UMWAKA WA 2

AMANOTA

IBIBAZO BYO KUMVA IMYANDIKO/Amanota 10

Ibi bibazo bijyanye n'imyandiko yizwe yose kuva umwaka watangira ni ukuvuga ko bihera ku mutwe wa mbere kugeza ku wa karindwi.

1.Sobanura muri make uko umuhango wo gutekesha wakorwaga kera./3

2.Icyanya cy'Akagera giherereye he?vuga izina ry'uruzi rwambukiranya icyo cyanya unavuge ibihugu icyo cyanya gikoraho./2

3.vuga igikorwa cy'ubutwari Nyarwambari yakoze./1

4.Ese umwandiko "Binego bya kajumba"ni bwoko ki?kubera iki?/1

5.Ubuvanganzo bwo muri rubanda bugizwe n'ingeri zitandukanye,

tanga nibura ingeri ebyiri unatange urugero rumwe kuri buri ngeri./2

6.Twize umwandiko"Mudasobwa mu iterambere"Shyira aya magambo mu Kinyarwanda cya nya cyo:/1

a.Internet

b.Radio

B IKIBONEZAMVUGO

I.Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo ari mu nteruro zikurikira:

1.Aho hantu ni mu majyaruguru i Bukoba.

2.Icyo utabonye kiruta ibindi birwa byo muri icyo kiyaga.

3.Imbwa yabonye shebuja aguye mu ruzi iti:"Abagira iyo bajya baragenda".

4.Ibyo bihugu bigamije kubyaza umusaruro ikibaya cy'Akagera.

5.Wigeze ubona aho abami n'abamikazi barambagira?

II.Garagaza intego z'amagambo aciyeho akarongo unatange n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.

1.Kwigishiriza ahantu hagutse ni byiza.

2.Kuzarya bizamugora.

3.Mu kagera habamo imvubu,imbogo n'ibyondi

4.Gusetsa bitera umunezero.

IMYANDIKIRE YEMEWE Y'URURIMI RW'IKINYARWANDA/Amanota 5

1.Andika amagambo abiri abiri kuri buri gihekane :

a.myw

b.mbyw

c.nty

2.Emeza cyangwa uhakane igisubizo cyawe ukoresheje" yego" cyangwa" oya".

a.Akitso gasoza interuro iyo ari yo yose.

b.Agatangaro gasoza interuro ihamya.

Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ayo mu ruhushya B .Huza umubare n'inyuguti gusa.

| | |
|---|---|
| 1.Indishyi y'urupfu | a.ishinjagira ishira |
| 2.Nyamwanga kumva | b.akandi kuzakamwa |

3.Imfura c.ntiyanze kubona

4.Imbura gihana d. yabuze gihamba

5.Agasaza kamwera e.ni ukubyara

UBUVANGANZO/Amanota 5

Andika igisubizo cyawe utiriwe wandikura interuro yose.

1.Ntibavuga amata y'inka yimye,bavuga…………………………………………………….

2.Kubura amazi kw'inka……………………………………………………………………….

3.Agati bavurugisha amata………………………………………………………….

4.Umupfundikizo w'igisabo………………………………………………………………

IHANGAMWANDIKO/Amanota 5

Hanga umwandiko ntekerezo utari munsi y'imirongo makumyabiri n'itanu ku ngingo zikurikira.Ikitonderwa hitamo imwe abe ari yo ukoraho

1.Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku rubyiruko.

IBIRUHUKO BIHIRE!